# Mundekere ibyo ntababwiye, kubera ko ababanjirije boretswe no kubaza kwabo ndetse no kunyuranya kwabo ku ntumwa zabo

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mundekere ibyo ntababwiye, kubera ko ababanjirije boretswe no kubaza kwabo ndetse no kunyuranya kwabo ku ntumwa zabo, bityo ningira icyo mbabuza mujye mukireka, ninagira icyo mbategeka mujye mukoramo ibyo mushoboye."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagaragaje ko amategeko y'idini agabanyijemo ibice bitatu: Ataravuzwe, abuza, n'ategeka. Naho aya ya mbere: Ni ibyo amategeko y'idini atagaragaje itegeko ryabyo; kandi ubusanzwe ibintu ntibiba ari itegeko; Mu gihe rero Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari ikiriho, byari itegeko kutagira icyo bayibaza mu bitaraba, kubera gutinya ko bakibajije itegeko ryacyo ryaza ribategeka gukora cyangwa se ribabuza, bityo Allah yakiretse kubera impuhwe afitiye abagaragu be. Naho nyuma y'urupfu rwayo (Imana iyihe amahoro n'imigisha), iyo ikibazo kigamijwe gusobanuza cyangwa se kwiga ibyo acyeneye mu idini rye, icyo kibazo kiremewe ndetse kiranategetswe, ariko biri mu rwego rwo gupinga no kwigora ibi nibyo bibujijwe muri iyi Hadith, kubera ko bishobora gutuma bamera nk'abayisiraheri, ubwo bategekwaga kubaga inka , iyo baza kubaga iyo babonye yose bari kuba bubahirije itegeko, ariko barabikomeje Allah nawe arabakomereza. Aya kabiri: Ni ayaje atubuza ibikorwa runaka: Uyubahirije arabihemberwa, n'uyakoze arabihanirwa, niyo mpamvu umuntu aba akwiye kubyirinda byose. Aya gatatu: Ni amategeko ategeka gukora; uyakoze arabihemberwa, yayareka akabihanirwa, icyo gihe aba akwiye kuyakora bijyanye n'ubushobozi bwe.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/4295

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee